



Kwitegura no gushaka igisubizo cy'indwara z'ibyorezo kandi zandura muri Repuburika iharanira Demokarasi ya Congo : **Ni gute hashyirwaho uburyo buboneye abana mu nzego z'ubuzima ?**

Mu rwego rwo gushaka ibizubizo ku bibintu nkenerwa mu mibereho isanzwe n'imitekerereze y'abana bari mu bihe byo kuba bari bonyine (mu kato) cyangwa/n'abari kuvurwa, ibigo bitanga ubuvuzi bigomba kurushaho kuba bifite ibisabwa by'ibanze bikerwa mu kwakira abana. Dore urutonde rw'ibisabwa muri rusange kugirango hakoreshwe uburyo bukundwa n'abana (bushobora guhinduka mu gihe bibaye ngombwa bitewe n'ubwoko bw'icyorezo) :

<input type="checkbox"/>	Gushyiraho ahantu hagenewe abana, hitaruye, (haba mu nzu imbere cg hanze), aho abana bashobora gukinira no guhabwa ubumenyi.	<ul style="list-style-type: none"> ◆ Aho hantu hashobora gusigwa amabara agaragara cyane, hagashyirwa ibikoresho bijyanye n'ingano y'abana ndetse n'imfashanyigisho zibafasha kuruhuka. ◆ Guhitamo witonze ibikoresho bishobora gukurwaho mikorobe mu buryo bworoshye kandi buhoraho.
<input type="checkbox"/>	Gutegura ibiribwa abana bakunda (urugero : amandazi, ubunyobwa,...) bituma abana bagira ubushake bwo kurya, mu rwego rwo guha abana ibiribwa n'ibinyobwa birimo intungamubiri bituma abana bakura neza (urugero, amata, imbuto, umugati, n'ibindi).	<ul style="list-style-type: none"> ◆ Abana bakenera gufata ifunguro rike ariko inshuro nyinshi ku muni kurusha abantu bakuru. ◆ Ifunguro bafata rigomba guherekezwa no kubasomera inkuru, indirimbo cyangwa ibindi bikorwa biberanye n'abana.
<input type="checkbox"/>	Gukurikirana niba abana barasobanukiwe neza ingamba zo kwirinda no gukurikirana indwara kandi ko banafite ibikoresho ndetse n'ubumenyi buhagije mu gushyira mu bikorwa inama bahawe.	<ul style="list-style-type: none"> ◆ Gukurikirana niba ingamba zo kwirinda no kwita ku ndwara zandura zubahirizwa uko bikwiye. ◆ Kwifashisha uburyo bwo kugeza izo ngamba ku bana no kuzumva neza biciye m'uturirimo, udukinisho tuvuga, ugendeye ku myaka yabo n'ikigero cy'imikurire bagezemo kandi witaye ku bumuga bashobora kuba bafite.
<input type="checkbox"/>	Gukurikirana niba abakozi bose b'ubuzima barabonye amahugurwa ku bijyanye no kurengera abana.	<ul style="list-style-type: none"> ◆ Amahugurwa agomba kwibanda ku : <ul style="list-style-type: none"> - Uburyo bwo kumenya, kubika amakuru, no kugeza ibintu ibikomere kubyerekeye kurengera abana kuba babizobereyemo - Ingamba zo kurinda abana - Ubutabazi bw'ibanze ku bana mu bijyanye n'intekerezo ◆ Abakozi n'abakorera bushake bagomba gusobanukirwa no gushyira umukono ku mahame ajyanye n'uburyo bw'imyitwarire.
<input type="checkbox"/>	Gushyiraho umukozi cyangwa umusosiyare (umukozi ushinze imibereho myiza) ushinze ibijyanye no kurengera abana kuri buri rwego rw'ubuzima.	<ul style="list-style-type: none"> ◆ Niba ubushobozi bw'amafaranga buhari, gushyiraho abantu babiri bar i b'ingenzi bashinze ibijyanye no kurengera abana (umugabo, n'umugore). ◆ Aho bishoboka hose, gutanga serivisi za inkunga k' ubuzima bwo mu mutwe no ku mitekerereze (imyitwarire) ku mibereho y abantu (SMSPS) zigenewe abana, harimo n'ubutabazi bw'ibanze mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe no kubayobora ku bashobora kubaha serivisi zisumbuyeho igihe bibaye ngombwa.
<input type="checkbox"/>	Gukurikirana ko abana bumva neza ingaruka zijyanye no kubarinda kandi ko bazi uko bashobora kugaragaza ibibabangamiye no kubona serivisi zisumbuyeho.	<ul style="list-style-type: none"> ◆ Gushyiraho ibyapa biboneye ku bana hakoreshwa ururimi n'uburyo bigaragarira buri wese ntambogamizi. Kubishyiraho amakuru yose ajyanye y'imirongo itishyurwa yakwifashishwa ku bakeneye ubufasha.

<input type="checkbox"/>	Gufata iya mbere no gutanga ibikoresho byafasha mu gushyiraho uburyo bw'imikorere abana bakunda.	<ul style="list-style-type: none"> ◆ Ibyo byajyana no gushyiramo ibikoresho by'isuku y'umuntu ku giti cye, ibyigisha n'ibifasha kuruhuka. ◆ Dore urutonde rw'ibigomba kugurwa ruri ahagana hasi.
<input type="checkbox"/>	Gukorana n'abashinzwe uburezi kugirango hakomeze kubaho guhabwa ubumenyi hifashishijwe uburyo buboneye.	<ul style="list-style-type: none"> ◆ Ibyo bijyanye no gushyiraho ingamba zifasha abana gukorera ibizami bya leta aho bari mu gihe bishoboka. ◆ Hagendewe ku buryo virus yandura, gushyiraho gahunda ifasha abana gukina no guhabwa ubumenyi buri wese ukwe cyangwa mu matsinda mato ku buryo bashobora guhana intera.
<input type="checkbox"/>	Kwita ku mutekano w'aho barara n'uw'ubwiherero.	<ul style="list-style-type: none"> ◆ Gusuzuma niba ubwoherero buherereye ahagerwa na buri wese, buri ukwabwo, bufungwa kandi bufite urumuri ruhagije. ◆ Gutekereza ku buryo butuma abana basinzira neza, harimo no gukora ironde rya nijoro rikozwe n'abantu b'igitsina kimwe cyangwa se gitandukanye.

Guteganya ibigomba kugurwa ndetse n'ikigereranyo cy'igiciro cy'inyongera

Kugira inzego z'ubuzima zinogeye abana zishobora kugira ingaruka ku mafaranga. Ubusanzwe ibi byagombye gutekerezwaho igihe cyo kwitegura ibyorezo bishobora kubaho kandi bigashyirwa mu byifuzo by'amafaranga bihabwa abaterankunga. Kugirango ibijyanye n'amafaranga n'indi myiteguro byorohe, mwakwifashisha urutonde ruri hasi kugirango mumenye ibishobora gukenerwa kugurwa n'amafaranga y'inyongera ajyanye na byo :

		Ikigereranyo cy'igiciro
Ibijyanye n'isuku y'umuntu ku giti cye	Umuti ukuraho mikorobe/amazi n'isabune	
	Uburoso bw'amenyo n'umuti w'amenyo	
	Amavuta yo kwisiga ku mubiri	

Kwitegura no gushaka igisubizo cy'indwara z'ibyorezo kandi zandura muri Repuburika iharanira Demokarasi ya Congo : Ni gute hashyirwaho uburyo buboneye abana mu nzego z'ubuzima ?

	Igitenge/gitambaro cyo kwihanaguza	
	Ibitambaro by'isuku ku bakobwa b'abangavu	
	Ibikoresho byo kogosha ku myanya y'ibanga y' ngimbi	
	Udupfukamunwa tw'abana	
	Ibitambaro byabugenewe byo kubinda abana, udutambaro twabugenewe two guhanabura abana, amavuta yo gusiga abana	
	Indobo ya purasitiki, no kubasha kubona amazi ashushye yo kwiyuhagira	
Imirire	Amata/Inkongoro yo kunywesha amata (Niba ikoreshwa)	
	Imirire ijyanye n'imyaka y'umwana (itarimo umunyu, inombe/isupu, n'ibindi)	
	Amazi meza atetse	
Ibikoresho yo kwiterezaho	Ibikoresho byo gusiga amarangi, impapuro za duplikateri	
	Amakaramu y'igiti, amarangi, imakasi	
	Imbaho z'umweru n'amakaramu yabugenewe yo kuzandikaho	
	Urubaho rw'umukara n'ingwa	
	Igikoresho cyifashishwa mu gusiba n'incamurongo	
	Ibitabo (Mu ndimi gakondo no mu myaka yose y'abana, hagendewe ku gitsina ndetse no ku bumuga)	
	Imikino y'amahurizo, ibikoresho by'ubwubatsi	
Ubufasha buri tekinike bwo kugenderaho	Akagare ko kugenderamo, imbago, inkoni abafite ubumuga bagerandemo	

Kwitegura no gushaka igisubizo cy'indwara z'ibyorezo kandi zandura muri Repuburika iharanira Demokarasi ya Congo : Ni gute hashyirwaho uburyo buboneye abana mu nzego z'ubuzima ?

Ibikoresho byifashishwa mu kuruhura umutwe	Imipiro yo gukina umupira w'amaguru, umupira w'intoki wa basiketi	
	Ibindi bikinisho bikoze muri pulasitiki kandi bishobora kozwa	
	Ibikoresho byo gutaka (Impapuro nini zimanikwa, amatapi)	
Ibindi byo kwitabwaho bikenera amafaranga kandi bijyanye no kwita ku bana	Amahugurwa y'abakozi bashinzwe kurengera abana n'ingamba zo gusigasira ubwo bumenyi (harimo n'abana bafite ubumuga)	
	Amafuranga/umushahara y'/w'umukozi cyangwa se umusosiyare ushinze kurengera abana muri buri rwego rw'ubuzima	
	Ibikoresho by'ubuvuzi bigenewe abana (inshinge, icyuma kifashishwa mu gupima uko umutima utera, igipimo cy'umuvuduko wa maraso ku bana, akuma gapima uburwayi bwo mu matwi)	
	Impuzankano z'abaganga n'abafuranga bavura abana z'amabara agaragara cyane ibishushanyo	
	Kwifashisha ibikoresho bijyanye n'indeshyo y'abana (ameza, intebe)	
	Gukodesha cyangwa kugura indi mbuga yo gukiniraho cyangwa kwigiramo ifite ubwogero n'aho bakarabira intoki hagerwaho na buri wese	
	Kungurana ibitekerezo n'abana cyangwa urubiruko ku bijyanye no gutekereza uko inzu n'ibikoresho biboneye ku bana byaba bimeze ndetse no n'ishyirwa mu bikorwa ryabyo.	

Ibyo ukwiriye kumenya

Uru rutonde rwo kugenzura rwakozwe ku nkunga itangwa n'abagira neza ba banyamerika binyuze mu kigo cy'Amerika gishinzwe iterambere mpuzamahanga (USAID). Ibikubiye muri urwo rutonde ni inshingano za READY ntabwo ari ngombwa ko herekanwa ibitekerezo bya USAID cyangwa ibya leta zunzubumwe z'amerika. Umushinga wa READY uyobowe na Save the Children, ugashyirwa mu bikorwa ku bufatanye na Humanitarian Leadership Academy, UK-Med n'ikigo cya Johns Hopkins ishami ry'ubuzima bw'ikiremwa muntu n'ishami rishinzwe gahunda z'itumanaho. READY yongera ubushobozi imiryango itegamiye kuri leta ku isi hose muguhangana ni indwara z'ibyorezo zandura vuba ku rwego rwo hejuru. Kubindi bisobanuro, sura urubuga kuri

<http://www.ready-initiative.org>



Kwitegura no gushaka igisubizo cy'indwara z'ibyorezo kandi zandura muri Repuburika iharanira Demokarasi ya Congo : Ni gute hashyirwaho uburyo buboneye abana mu nzego z'ubuzima ?